

# REPUBULIKA Y'U RWANDA



**MINISITERI Y'UBUTABERA  
P.O. BOX 160 KIGALI**

## **IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO W'ISOZA RY'AMAHUGURWA Y'ABANGENZACYAHA**

- **Nyakubahwa Umunyamabanga Mukuru wa RIB,**
- **Nyakubahwa Umunyamabanga Mukuru wungirije wa RIB,**
- **Nyakubahwa Umuyobozi Mukuru w'ishuri rikuru rya Polisi y'u Rwanda**
- **Bayobozi mwese muteraniye hano**
- **Namwe bagenzacyaha mushoje amahugurwa uyu muni,**

Mbanje kubasuhuza.

Bayobozi muteraniye hano, namwe Bagenzacyaha mushoje amahugurwa uyu muni, ndagira ngo nshimire ubuyobozi bwa RIB na Polisi bwadutumiye muri uyu muhango wo gusoza amasomo y'abagenzacyaha b'umwuga ndetse no kwakira indahiro zanyu mwe mugiyeye gutangira imirimo zanyu.

Kuko aribyo musorejeho murahira nagira ngo mbe aribyo mperaho mbaha ikaze mu muryango mugari w'urwego rw'ubutabera kandi mbabwira ko muje mukenewe cyane cyane mu rwego rw'igihugu rushinzwe ubugenzacyaha ndetse no mu gihugu muri rusange.

Nk'uko Umunyamabanga Mukuru w' urwego rw'Igihugu rushinzwe ubugenzacyaha yabivuze, uru rwego rumaze igihe gito rutangiye inshingano zarwo, ariko twe nka Minisiteri y'Ubutabera tubona ahubwo umuvuduko batugaragariza ntawamenya ko rumaze igihe gito nk'icyo.

Nagira ngo nk'uko twabivuze na mbere, nongere uyu munsu nsubiremo ko dushima ibikorwa bya RIB ndetse n'ubwitange bw'abayobozi n'abakozi bigaragarira buri wese.

Iki gikorwa cy'uyu munsu, kiri mu bitugaragariza ubushake n'umuhate wo gufatanya kubaka uru rwego ku bufatanye n'izindi nzego cyane cyane Polisi y'u Rwanda kuko ariyo yafashije RIB gutegura no gutanga aya mahugurwa, ntibagiwe n'abandi bafatanyabikorwa batubwiye.

### **Banyakubahwa muteraniye hano,**

Abagenzacyaha bagomba kwirinda imyitwarire yatuma abo baha ubutabera batabagirira ikizere, bababona nk'abantu babogama; gukora kinyamwuga bisaba umuhate, umurava udasanze no kwitanga, ibi byose kandi bigakorwa hubahirizwa amategeko, yaba amategeko yashyizweho n'igihugu cyangwa andi u Rwanda ruba rwashyizweho umukono.

Ibi kandi birajyana n' ibi bihe by'umuvuduko w'iterambere rishingiye ku ikoranabuhanga tuganamo, hari ibintu tudashobora gusubiza inyuma ahubwo tugomba kujyana nabyo. Uyu munsu umuntu arafata imashini ye ari iwe mu rugo akiba amafaranga ari muri banki yo kumugabane umwe akayimurira muwundi; icuruzwa ry'ibiyobyabwenge cyangwa abantu hakoreshejwe interineti.

Uretse kandi n'ibi byaha byifashishije ikoranabuhanga, dufite ibindi byaha bihangayikishije igihugu harimo gusambanya abana, kunyereza umutungo wa Leta, ruswa, ibiyobyabwenge, n'ibindi byinshi...

Zimwe mu nzira zo guhangana n'ibi byaha, ni ukongerera ubushobozi n'ubumenyi abakozi bo mu nzego z'Ubutabera cyane cyane abagenzacyaha kuko nk'uko tubizi twese umwana apfa mu iterura, bivuze ko iyo dosiye ipfiriye mu Bugenzacyaha biragoye ko Ubushinjacyaha bwabasha kuyizura mu buryo bworoshye.

Ni muri urwo rwego rero twe nka Minisiteri y'ubutabera twishimira cyane amahugurwa nk'aya kuko nk'uko mwabitweretse, biragaragara ko ibyo mwigishijwe ari nabyo bigize amahame y'ingenzi mu iperereza nshinjabyaha, mwabifashe bityo mukaba mugiyeye kubigira intwari yanyu ya mbere.

Byatweretse kandi ko muri iki gihe twiyemeje ko mu butabera nshinjabyaha, twafashe umurongo wo kugendera ku bimenyetso bishingiye kuri siyansi (Scientific evidence), ibyo mwigishijwe nimubishyira mu bikorwa nta kabuza tuzarushaho kunoza ubutabera dutanga.

Nsoza ndagira ngo mbahe impanuro muri aka kazi mugiyeye gutangira kandi mwarahiriye. Ndashaka kubibutsa ko mubyo muzakora byose, umutimanama wanyu

ntimuzawunangire, ahubwo muzawutege amatwi uzabafasha. Mu kazi kacu ko gutanga ubutabera, tuba dufite abantu babiri, aho umwe ashobora kwishimira icyemezo dufashe mu gihe undi kimubabaza, muzirinde ruswa no kubogama.

Reka kandi mbonereho nsoze aya mahugurwa ku mugaragaro mbifuriza ishya n'ihirwe mu kazi kanyu kandi mbizeza ko Leta izakomeza kuba hafi yanyu ibagera ibyangombwa kugira ngo turusheho kunoza umurimo wo gutanga ubutabera. Mbasabye kandi, buri umwe, gukora uko ashoboye kwirinda icyorezo cya COVID-19.

Murakoze, mugire umusi mwiza.